No 248
July 2023

# MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA



## KOMISIYO ZIHORA Z'IHURIRO ZEMEJE GAHUNDA Y'IBIKORWA BYAZO MU MWAKA W'INGENGO Y'IMARI 2023

Nk'uko biteganywa n'Amategeko Ngengamikorere y'Ihuriro, Komisiyo Zihoraho z'Ihuriro ziterana inshuro imwe mu mezi abiri. Mu nama zazo zisanzwe z'igihembwe cya kane cy'umwaka w'ingengo y'imari 2022-2023, buri Komisiyo yarateranye, yemeza Gahunda y'ibikorwa byayo mu mwaka w'ingengo y'imari 2023-2024.

**Komisiyo ishinzwe Itumanaho no Kungurana Ibitekerezo**.
Iyi Komisiyo yateranye mu nama yayo isanzwe yo ku itariki ya 09 Kamena 2023 yemeza ibikorwa izitaho mu mwaka w'ingengo y'imari 2023-2024. Birimo: Gusuzuma no kwemeza raporo y'ibikorwa bya Komisiyo mu mwaka w'ingengo y'imari 2022-2023; Gutegura insanganyamatsiko z'ibiganiro bizaganirwaho mu nama z'Inama Rusange z'Ihuriro ziteganyijwe mu mwaka w'ingengo y'imari 2023 - 2024; Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro yafatiwe mu mahugurwa yahawe abashinzwe gucunga Imbuga za Internet z'Imitwe ya Politiki; Gutanga ibitekerezo mu kwizihiza isabukuru y'imyaka 20 Ihuriro rimaze rigiyeho; Gushishikariza Imitwe ya Politiki kwitabira ibikorwa byo kwibuka ku nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994; Gutegura no kwemeza ibikorwa bya Komisiyo y'Itumanaho no kungurana ibitekerezo mu mwaka w'ingengo y'imari 2024-2025.

**Komisiyo ishinzwe Gahunda, Ibikorwa by'Ihuriro n'Ubufatanye n'Izindi Nzego**.
Iyi Komisiyo yateranye mu nama yayo isanzwe yo ku itariki ya 12 Kamena 2023 yemeza Gahunda y'ibikorwa byayo mu mwaka w'ingengo y'imari 2023-2024. Birimo: Gusuzuma no kwemeza raporo y'ibikorwa bya Komisiyo mu mwaka w'ingengo y'imari 2022 - 2023; Gusuzuma no gutanga ibitekerezo kuri raporo y'ibikorwa by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2022 -2023 n'iy'imikoreshereze y'imari n'umutungo muri uwo mwaka; Gusuzuma no gutanga ibitekerezo kuri raporo y'ubugenzuzi bw'imikoreshereze y'imari n'umutungo by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2022 - 2023; Gusuzuma no gutanga ibitekerezo kuri raporo y'ubugenzuzi bw'imikoreshereze y'imari n'umutungo by'Ihuriro mu mezi atandatu ya mbere y'umwaka w'ingengo y'imari 2023 - 2024; Gutanga ibitekerezo ku ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'ubufatanye Ihuriro rifitanye n'abafatanyabikorwa baryo; Gutanga ibitekerezo ku ishyirwa mu bikorwa ry'amahugurwa y'urubyiruko (YPLA) n'amahugurwa y'abayobozi b'Urugaga rw'abagore (WPLP); Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'ibikorwa by'Ihuriro mu mwaka wa 2023 - 2024; Gutanga ibitekerezo ku ivugururwa ry'igenamigambi ry'Ihuriro ry'imyaka itanu, 2021 - 2026; Gutanga ibitekerezo ku itegurwa ry'Iteganyabikorwa ry'Ihuriro mu mwaka wa 2024 - 2025 n'ingengo y'imari yabyo.

**Komisiyo Mbonezabupfura no gukemura amakimbirane**.
Iyi Komisiyo yateranye mu nama yayo isanzwe yo ku itariki ya 13 Kamena 2023 yemeza Gahunda y'ibikorwa byayo mu mwaka w'ingengo y'imari 2023-2024. Birimo: Gusuzuma no kwemeza raporo y'ibikorwa bya Komisiyo mu mwaka w'ingengo y'imari 2022-2023; Gutegura amahugurwa y'abagize Urwego rushinzwe kugenzura imyitwarire no gukemura impaka mu Mutwe wa Politiki ku rwego rw'Intara y'Amajyaruguru no mu Mujyi wa Kigali; Gutegura inama nyunguranabitekerezo ku myitwarire ikwiye kuranga umunyapolitiki w'u Rwanda mu gihe cy'ihigana muri politiki; Gusuzuma no gutanga inama ku bibazo byavuka hagati y'Imitwe ya Politiki cyangwa hagati y'abayoboke b'Umutwe wa Politiki, mu gihe babisabye; Gusuzuma no kwemeza Gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo Mbonezabupfura no gukemura amakimbirane mu mwaka w'ingengo y'imari 2024 – 2025.
Ibikorwa bya Komisiyo Zihoraho z'Ihuriro bitegurwa hashingiwe ku bikorwa by'Ihuriro bya buri mwaka w'ingengo y'imari. Hashingirwa kandi ku ngengo y'imari Ihuriro riba ryizeye kubona itangwa na Leta cyangwa abandi bafatanyabikorwa.

## ABADEPITE MU NTEKO ISHINGA AMATEGEKO Y'INZIBACYUHO MU GIHUGU CYA BURKINA FASO BASUYE IHURIRO RY'IMITWE YA POLITIKI.

Tariki ya 27 Kamena 2023, Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo



ry'Imitwe ya Politiki, ryakiriye Itsinda ry'Abadepite 35 bo mu Nteko Ishinga Amategeko y'Inzibacyuho baturutse mu Gihugu cya Burkina Faso. Izi ntumwa zasuye Ihuriro mu rwego rwo kumenya uko ryagiyeho, abarigize, inshingano n'imikorere byaryo, n'ibyo rimaze kugeraho.

Izi ntumwa zakiriwe n'Umuvugizi w'Ihuriro, Depite MUKAMANA Elisabeth,




ari kumwe n'Umuvugizi Wungirije w'Ihuriro Depite NTEZIMANA Jean Claude; n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro, Bwana GISAGARA Théoneste.
Mu kiganiro cyagenewe aba bashyitsi, basobanuriwe imiterere ya sisiteme politiki y'u Rwanda, basobanurirwa ko Ihuriro ryagiyeho nka kimwe mu bisubizo politiki cyari gikwiye nyuma yo kubona uruhare imwe mu Mitwe ya Politiki n'abanyapolitiki bagize mu miyoborere mibi y'u Rwanda, nko kwigisha urwango n'ivangura, akarengane, kugeza kuri Jenoside yakorewe Abatusti mu 1994.
Basobanuriwe ko Ihuriro rihuza Imitwe ya Politiki yemewe mu Rwanda, kugira ngo ishobore kuganira no gutanga inama ku bibazo biremereye Igihugu. Ihuriro kandi rikaba rishinzwe guteza imbere umuco w'ibiganiro bya politiki, kubaka ubwumvikane no guharanira ubumwe bw'Igihugu. Ihuriro kandi ryubaka ubushobozi bw'Imitwe ya Politiki mu rwego rwo guteza imbere umwuga wa Politiki. Abashyitsi basobanuriwe ko imikorere y'Ihuriro iteza imbere ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi haba mu gushyiraho inzego z'ubuyobozi bwaryo ndetse no

mu bikorwa byose ritegura. Basobanuriwe kandi ko Ihuriro rikurikirana ibikorwa by'amatora ategurwa ku rwego rw'Igihugu aho ryohereza indorerezi zaryo gukurikirana ibirebana n'imyiteguro n'imigendekere y'ayo matora; raporo y'indorerezi z'Ihuriro igashyikirizwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora. Ikindi ni uko Ihuriro rigira uruhare mu gushyiraho abasenateri, aho Itegeko Nshinga tugenderaho riteganya ko Ihuriro rishyiraho abasenateri bane mu bagize Sena y'u Rwanda.

Aba bashyitsi babajije ibibazo binyuranye birebana n'uruhare rw'Ihuriro mu gukemura amakimbirane ashobora kuvuka mu Mitwe ya Politiki irigize; aho rikura ingengo y'imari; imikoranire y'Ihuriro na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora mu Rwanda; uburyo demokarasi ishingiye ku bwumvikane ikora mu Rwanda; niba mu Rwanda tujya tugira abakandida bigenga mu gihe cy'amatora ya politiki; niba mu gihe cy'amatora hari amafaranga y'ingwate ajya asabwa abakandida?
Habajijwe kandi ingamba zihari zituma abayoboke b'Imitwe ya Politiki n'abaturage muri rusange bakira neza ibyavuye mu matora; ku buryo amatora arangira neza Igihugu gitekanye, nta mvururu.
Hanabajijwe uko kwiyamamaza bikorwa mu Rwanda; ingamba zihari zo gutuma amashyaka atavuka ari menshi.

Kuri ibi bibazo byose, bahawe ibisubizo, banyurwa cyane na Gahunda z'Ihuriro zo kubaka ubushobozi bw'urubyiruko rwo mu Mitwe ya Politiki binyuze mu ishuri ry'Ihuriro 'Youth Political Leadership Academy/YPLA) no muri Gahunda y'amahugurwa y'abagore 'Women Political Leadership Program / WPLP'.
Basabye ko hakwiye kurebwa uburyo amahugurwa Ihuriro ritegura, yatangwa no mu bindi bihugu by'Afurika harimo na Burkina Faso

## INAMA RUSANGE Y'IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI YEMEJE GAHUNDA Y'IBIKORWA BY'IHURIRO MU MWAKA W'INGENGO Y'IMARI 2023-2024.

Tariki ya 30 Kamena 2023, muri Hotel Lemigo, iri mu Mujyi wa Kigali, hateraniye inama y'Inama Rusange y'Ihuriro y'igihembwe cya kane cy'umwaka w'ingengo y'imari 2022-2023. Iyi nama yayobowe n'Umuvugizi w'Ihuriro, Depite MUKAMANA Elisabeth. Inama Rusange yasuzumye kandi yemeza Gahunda y'Ibikorwa by'Ihuriro by'umwaka wa 2023-2024. Ibi bikorwa byateguwe hashingiwe ku Igenamigambi ry'Ihuriro ry'imyaka itanu (2021 -2026), hanashingirwa ku ngengo y'imari, Ihuriro ryizeye kubona ahanini igizwe n'inkunga itangwa na Leta. Inama Rusange yemeje Gahunda y'ibikorwa by'Ihuriro bikurikira, bikubiye mu nkingi eshatu z'ingenzi:



Inkingi ya I: Guteza imbere ibiganiro nyunguranabitekerezo bya Politiki, ubwumvikane n'ubumwe bw'Igihugu. Muri iyi nkingi hateganyijwe ibikorwa by'ingenzi bikurikira:

- Gutegura inama z'Inzego z'Ihuriro (Inama Rusange, Inama za Biro, Inama za Komisiyo Zihoraho z'Ihuriro n'izindi);
- Gutegura inama nyunguranabitekerezo kuri demokarasi y'ubwumvikane, imiyoborere myiza, n'ubumwe bw'Igihugu;
- Gutegura ibiganiro bishishikariza Imitwe ya Politiki, gukumira no gukemura amakimbirane ya Politiki,
- Kwitabira ibikorwa byo kwibuka ku nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, no kwibuka by'umwihariko abanyapolitiki bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bashyinguye mu Rwibutso rwa Rebero;
- Gutegura inama nyunguranabitekerezo ku rugendo rw'ubumwe n'ubudaheranwa by'Abanyarwanda;

Inkingi ya II: Kubaka Ubushobozi bw'Imitwe ya Politiki no guteza imbere umwuga wa Politiki. Muri iyi nkingi hateganyijwe ibikorwa by'ingenzi bikurikira:

- Gutera inkunga gahunda z'amahugurwa ategurwa n'Imitwe ya Politiki;
- Gutegura amahugurwa y'urubyiruko (Youth Political Leadership Academy / YPLA);
- Gutegura amahugurwa y'urugaga rw'abagore rushamikiye ku Mutwe wa Politiki;
- Gutegura amahugurwa y'Urwego rushinzwe kugenzura imyitwarire no gukemura impaka mu Mutwe wa Politiki.

Inkingi ya III: Kubaka Ubushobozi bw'Ihuriro kugira ngo rirusheho gutanga serivisi nziza. Muri iyi nkingi hateganyijwe ibikorwa by'ingenzi bikurikira:

- Gukomeza gukora ubuvugizi kugira ngo Ihuriro rizabone aho rikorera ridakodesha;
- Gushaka ibikoresho bya ngombwa birebana n'ibikorwa rusange by'Ihuriro;
- Guteza imbere ubufatanye bw'Ihuriro n'abandi bafatanyabikorwa;
- Kwita ku cyumba cy'isomero cy'Ihuriro no kugishyiramo ibitabo bishya;
- Gukomeza gucunga neza urubuga rwa Interineti rw'Ihuriro n'iz'Imitwe ya Politiki Ihuriro ritera inkunga.

Inama Rusange yemeje kandi ko imirimo y'inama yayo izajya ibera ku cyicaro cy'Ihuriro nk'uko byari bisanzwe.

Inama Rusange yashimye ibimaze gukorwa na Komite ishinzwe gushakira Ihuriro aho ryakorera ridakodesha, isaba ko igikorwa cyo kugurisha ikibanza cy'Ihuriro gikomeza.

Inama Rusange y'Ihuriro iterana rimwe mu gihembwe, ikitabirwa n'intumwa z'Imitwe ya Politiki, aho buri Mutwe wa Politiki uhagararirwa n'abantu bane (4), nibura babiri muri bo bakaba ari igitsina gore.